KINYARWANDA – *"Who will deliver me?"*


# NI NDE WANKIZA?

Umunsi umwe ku cyumweru nabwirizaga Ubutumwa Bwiza mu muji umwe wo mu gihugu cyitwa Lesoto muri Afrika y'epfo. Hateraniye abantu benshi ndetse Umutware waho hamwe n'umugore we nabo baje kumva Ijambo ry'Imana. Ijambo ry'Imana rero ni Rizima kandi riratyaye kuruta inkota, ryinjiye mu mitima y'abantu bari bahateraniye.

Mu gihe naringikomeje kubwiriza, umugore mukuru w'uwo mutware yatangiye kurira afite amaganya n'agahinda kenshi. Ubwo yahise ahaguruka, amarira menshi atemba mu maso ye, arangurura cyane ijwi rye avuga ati: Ni nde wankiza? Ndakwinginze mfasha, kuko umutima wanjye wuzuye agahinda kenshi, ndi umuntu ufite gushidikanya kandi umutima wanjye wuzuye umubabaro. None se ni nde wantabara? Ni nde wambohora iminyururu y'urupfu? None se nkore iki? Mwese muranzi, muzi ko ndi umugore w'umutware kandi muzi ko nkunda kujya mu masengesho.

Hashize imyaka irenga makumyabiri njya mu nzu y'Imana, ariko ibyo byose ntibyashoboye kumfasha haba no kumbohora kuko ibyaha byamboshye

**NI NDE WANKIZA?**



*"Ukora ibyaha ni uwa Satani." (1 Yohana 3:8).*

rwose. Ndi umusinzi kandi nkaba n'umwicanyi. Amaboko yanjye aranduye kuko nyengesha ibisindisha kandi byangwa mu maso y'Imana. Icyaha cyamboshye amaguru n'amaboko; ndi imbohe yi ikuzimu!

Yongeye kwicara arira cyane, ati: Ni nde wankiza? Ni nde wantabara ngo ambohore iminyururu y'urupfu? Imana ndayikunda, ariko ibyaha bigakomeza kunkururira mu irimbukiro. Nishe umwana wanjye nakundaga, umwana w'imfura. Naranyoye, ndasinda, maze ubwo nari mpetse uwo mwana mu mugongo naranyereye ndamugwira amenagurika umutwe, arapfa. Ni mumfashe, maze nkire kurimbuka. Abapfumu ntibashobora kumfasha ndetse ni idini nayo ubwayo ntiyabasha kunkiza. Ubwo se noneho ni nde washobora kunkiza? Ni nde wabasha kuntabara?

Ubwo nahise mwegera, ndamuhumuriza nti: amahoro abe muri wowe. Abantu benshi bahura n'ingorane nkawe. Ariko Biblia Ijambo ry'Imana niyo yonyine ibasha kuguha igisubizo cyi ingorane ufite mu mutima wawe. Abaroma 7:15-25 hatubwira uko icyaha kidutegeka n'ushobora kudukiza uwo ari we. Nzi yuko muri njye, ni ukuvuga muri kamere yanjye nta cyiza kimbamo: kuko mpora nifuza gukora icyiza ariko nkabura imbaraga zo kugikora. Kandi icyiza nifuza gukora atari cyo nkora, ahubwo ikibi nanga akaba ari cyo nkora. Icyaha kiba muri njye, iteka kimpata gukora nabi, noneho ibyiza nifuzaga gukora bikananira. Nishimira amategeko y'Imana mu mutima wanjye, ariko mbona irindi tegeko ryo mu ngingo zanjye rirwanya itegeko ryi ibyaha ryo mu ngingo zanjye. Ahari ibi birashoboka kugera kuri buri wese, maze agataka ati: "Ndi umuntu ufite ingorane nyinshi! Ni nde wantabara! Ariko menya ko nidutabaza Imana, Yo izadutabara maze idukize.

## IGISUBIZO

*Ndashima Imana kubwo Umwami wacu Yesu Kristo" (Abaroma 7:24).*
*"Nuko Umwana ni ababatura, muzaba mubatuwe by'ukuri" (Yohana 8:36).*


Yesu niwe gisubizo cy'ibibazo byacu byose. Ni igisubizo cy'ikibazo cyawe. "Kandi nta wundi agakiza kabonerwamo, kuko ari nta rindi zina munsi y'ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo." (Ibyakozwe 4:12). Yesu ubwe wenyine niwe ushobora kudukiza ibyaha byacu. Amaraso ye yamenekeye ku musalaba niyo ashobora kutwoza ibyaha byacu byose. Nuko rero nta muvuzi, cyangwa umupfumu, cyangwa umubwiriza, cyangwa se umuyobozi w'idini iyo ariyo yose, cyangwa umuntu uwo ariwe wese cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose, ntibibasha kugukiza ibyaha byawe, keretse Yesu wenyine, Umwana w'Intama w'Imana niwe ubabarira ibyaha by'abatuye mw'isi, akabezesha amaraso ye kubwo imbaraga z'Umwuka Wera.

Yesu, Umwana w'Imana yaje mu isi guhumura impumyi no kubohora bose ababoshywe n'iminyururu ya Satani, kugira ngo bave mu bubata babe mu

mudendezo. (Yesaya 42:6,7).

Yesu yaravuze ati: ukora icyaha wese ni imbata y'icyaha na Satani, ariko Umwana w'Imana ni ababatura muzaba mubatuwe by'ukuri. (Yoh. 8:34-36). Yesu niwe kuri kw'Imana idukura mu bubata bwi icyaha.

Yesu Umwana w'Imana yikoreye ibyaha byacu abibambanwa ku musalaba. Ni ukuvuga ko ibyaha byawe yabibambye ku musala. Ni ukuri koko yikoreye ingorane zacu zose, n'ibindi byose biturushya, imibabaro yacu niyo yikoreye, kandi imibyimba y'inkoni yakubiswe niyo adukirisha. (Yesaya 53:3-7).




Baraba wari umujura, yari umunyabyaha kandi akaba n'umwicanyi. Yari yaciriwe urubanza rwo gupfa ndetse yamaze kumanikwa ku giti, ariko Yesu yaramubohoye, apfira ku musala mu cyimbo cy'uwo Baraba. Yesu, Umwana w'Imana yabambwe mu mwanya wa Baraba ndetse natwe adupfira atyo kubera ibyaha byawe najye. Icyo gisambo Baraba cyararekuwe kuko undi muntu yapfuye mu mwanya we. Njye nawe rero natwe tumeze nka Baraba. Ibihembo byi ibyaha ni urupfu, ariko rero impano y'Imana ni ubugingo budashira muri Yesu Kristo.

Niwitegereza umusalaba wa Kristo mu kwizera, uzashobora kwireba wowe ubwawe aho ubambanywe ni ibyaha byawe. Yesu yarangije kukubohora kugira ngo ubeho iteka ryose kubwo amaraso ye yaviriye ku musalaba ngo ube ubabariwe ibyaha byawe. Kuko Imana igukunda yagutangiye Umwana wayo wi ikinege ngo utazarimbuka ahubwo uhabwe ubugingo bwi iteka

ryose.

Maze umugore w'umutware amaza kumva ayo magambo yose, yarihannye, yizera Yesu, amuha umutima we by'ukuri, kuko Uwo, ariwe wamupfiriye ku musalaba ngo amwogeshe amaraso ye yi igiciro kinini. Uwo mugore yahaye Yesu umutima we wandujwe n'ibyaha, maze Yesu nawe amuha umutima mushya no kumwuzuza Umwuka Wera. Yamubabariye ibyaha bye byose amuvana mu bubata bwi ibyaha. Uhereye icyo gihe, hashize imyaka myinshi yakomeje kuba mu Mwami Yesu, anesha ibyaha kandi ashima Imana mu bugingo bwe imisi yose. Ubusinzi no kunywa itabi n'ibindi byose yabisezeyeho, ahubwo yishimira ubugingo bushya yahawe na Kristo. "Ibya kera biba bishize, dore byose biba bihindutse bishya." (2 Abakorinto 5:17). Mugenzi wanjye usoma aya magambo, ubasha gukizwa no kwizera Yesu Kristo. Yesu yaravuze ati: "Mwese abarushye n'abaremerewe munsange ndabaruhura." Egera Yesu, maze umubwire ibyawe byose n'ingorane zawe zose. Ntakwirukana niba umusanze ufite umutima wihana, wicisha bugufi kandi wizera. Ahari waba uri umukristo umaze igihe kinini mu itorero, ariko ibyo aribyo byose ukaba ukiboshywe n'ibyaha. Ibyakubera byiza rero kandi byakugirira akamaro ni ugusanga Yesu akakubohora ingoyi z'ibyaha bikuboshye. Yakijije ababembe, yahumuye impumyi ndetse yanakijije n'izindi ndwara nyinshi. Uwo Yesu rero ntahinduka na n'ubu niko ari, yiteguye gukiza no gutabara buri wese umuhungiyeho. Ababarira icyaha icyo aricyo cyose n'indwara zose arazikiza. (Zaburi 103:3).

Numara kumwakira mu bugingo bwawe ko aba Umukiza wawe, uzatwandikire ubitumenyeshe, kugira ngo natwe turusheho kugusabira ku Mana no kukuyobora mu nzira Yayo.

---

Nous vous invitons à nous contacter pour faire des arrangements concernant de nouvelles traductions de notre littérature nous informant de la langue dans laquelle vous pouvez traduire cette littérature évangélique. Votre aide sera beaucoup appréciée.

Si vous avez trouvé le salut en Christ ou si vous avez été béni par notre littérature, nous vous prions de nous le faire savoir. Nous aimerions remercier Dieu avec vous et prier pour vous.

Pour obtenir gratuitement de la littérature évangélique, des livres et des traités en plus de 540 langues, écrivez à:

**E-MAIL: info@angp.co.za**

**ALL NATIONS GOSPEL PUBLISHERS**

**P.O. BOX 2191, PRETORIA, 0001, R.S.A.**

(Une Mission de Littérature évangélique financée de dons)

(Reg. No. 1961/001798/08)